

U Rwanda ntirutegereje amakiriro ku gihugu kimwe-Mushikiwabo

Yanditswe kuya 22-12-2012 - na [Emmanuel Kanamugire](#)

<http://www.igihe.com>


Mu muhango wo gusinya amasezerano y'impano n'inguzanyo Leta y'u Bushiwa yageneye u Rwanda wabereye i Kigali ku ya 21 Ukuboza 2012, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Mushikiwabo Louise yavuze ko u Rwanda rudategereje amakiriro ku gihugu kimwe kica kigakiza cyangwa umugabane umwe, ahubwo rufite ubushake bwo gukorana n'ibihugu bitandukanye.



Amasezerano y'impano n'ideni yasinywe hagati ya Leta y'u Rwanda na Leta y'u Bushinwa agera kuri miliyoni 35 z'amadolari ya Amerika, u Bushinwa bwemereye u Rwanda mu bihe bitandukanye.

Minisitiri Mushikiwabo, ati “ Mu gihe hari ibihugu byamaze gutangaza ko bihagaritse inkunga zabyo [ku Rwanda], aya masezerano y'ubufatanye asinywe ni ikimenyetso cy'uko u Rwanda na Afurika muri rusange, bidakesha gutera imbere kwabyo umugabane umwe cyangwa igihugu kimwe, ahubwo rureba impande zose.”

Yongeyeho ko aya mafaranga azaziba icyuho mu bukungu bw'igihugu mu rwego rwo gukomeza intambwe y'iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.



Yashimiye imikoranire u Bushinwa bufitanye n'u Rwanda, ubu igeze ku rwego rushimishije, kuba hari byinshi byagezweho mu nzego zitandukanye, no kuba u Bushinwa bukomeje kugira uruhare rufatika mu mizamukire ya Afurika muri rusange.

Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda Shu Zhan, yatangaje ko igihugu ahagarariye kizakomeza ubufatanye n'u Rwanda, anashimira u Rwanda ku mwanya rwabonye mu kanama gashinzwe umutekano ku Isi.

Aya masezerano yasinywe avuga ko inkunga ari miliyoni 16, na ho ideni rikaba miliyoni 19 z'amadolari.

KJ: *Aho uku kwerekeza m'Ubushinwa k'u Rwanda abanyamerika n'Abongereza bazabyihanganira?
Aho bajya bibuka uko Kabila Père byamugendekeye?*